

AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUCURUZI N'INGANDA N°20/Minicom/2013 YO KUWA 20/05/2013 AHINDURA AMABWIRIZA N°15/2012 YO KUWA 23/04/2012 YO KWIMURA INGANDA N'IZINDI NYUBAKO ZIHEREREYE AHANTU HAGENWE INGANDA MU GISHANGA CYA GIKONDO (GIKONDO INDUSTRIAL PARK)

INSTRUCTIONS OF THE MINISTER OF TRADE AND INDUSTRY N°20/Minicom/2013 OF 20/05/2013 MODIFYING INSTRUCTIONS N° 15/2012 OF 23/04/2012 RELATED TO THE RELOCATION OF FACTORIES AND OTHER FACILITIES LOCATED IN THE GIKONDO INDUSTRIAL PARK

INSTRUCTIONS DU MINISTRE DU COMMERCE ET DE L'INDUSTRIE N°20/Minicom/2013 DU 20/05/2013 MODIFIANT LES INSTRUCTIONS N° 15/2012 DU 23/04/2012 POUR LE DEMENAGEMENT DES USINES ET D'AUTRES INSTALLATIONS SITUEES DANS LA ZONE INDUSTRIELLE DE GIKONDO

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda;

The Minister of Trade and Industry;

Le Ministre du Commerce et de l'Industrie;

Ahereye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo ya 30 n'ya 49;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 30 and 49;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que revue à ce jour, spécialement en ses articles 30 et 49;

Ahereye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo iya 1(6), iya 3, iya 5, iya 6, iya 8, iya 28, iya 49 n'ya 87;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 related to the conservation, protection and development of the environment in Rwanda, especially in Articles 1(6), 3, 6, 8, 28, 49 and 87;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant protection, conservation et développement de l'environnement spécialement en ses articles 1(6), 3, 5, 8, 28, 49, 87;

Ahereye ku Itegeko n° 05/2011 ryo kuwa 21/03/2011 rigenga ahantu hihariye mu by'ubukungu mu Rwanda;

Pursuant to Law n°05/2011 of 21/03/2011 regulating the Special Economic Zones in Rwanda;

Vu la Loi n° 05/2011 du 21/03/2011 portant organisation des Zones Spéciales Economiques au Rwanda;

Ahereye ku Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda;

Pursuant to Organic Law n°08/2005 of 14/07/2005 determining the use and management of land in Rwanda;

Vu la Loi Organique n°08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda ;

Ahereye ku Itegeko n° 18/2007 ryo kuwa

Pursuant to Law n° 18/2007 of 19/04/2007

Vu la Loi n° 18/2007 du 19/04/2007 portant

Official Gazette n° 23 of 10/06/2013

19/04/2007 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange;	Relating to Expropriation in the public Interest;	expropriation pour cause d'utilité publique ;
Ashingiye ku myanzuro y'umwiherero w'abayobozi bakuru wabereye muri Hoteli Akagera Game Lodge ku wa 13-17 Gashyantare 2007;	Considering the recommendation from the National High Authorities held at Akagera Game Lodge, on 13-17 February 2007;	Vu les recommandations de la Retraite des Hauts dirigeants tenue à l'Hôtel Akagera Game Lodge le 13-17 Février 2007;
Ashingiye kuri Politiki igena imikorere n'imicungire y'ahantu hihariye hakorerwa imirimo y'ubukungu mu Rwanda nk'uko yemejwe n'inama y'abaminisitiri yo kuwa 09 Nyakanga 2010;	Considering the policy on Special Economic Zones as approved by the Cabinet, in its session of 09 July 2010;	Vu la Politique de la Zone Spéciale Economique au Rwanda telle qu'adoptée par le Conseil des Ministres le 09 Juillet 2010;
Ashingiye kuri Politiki yo guteza imbere inganda mu Rwanda yo muri Mata 2011;	Considering the policy to develop industry in Rwanda of May 2011;	Vu la Politique de développement de l'industrie au Rwanda de Mai 2011;
Ashingiye ku myanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa gatatu tariki ya 24/12/2008;	Considering recommendations of the Cabinet meeting held on Wednesday 24/12/2008;	Vu les recommandations du Conseil des Ministres tenu Mercredi 24/12/2008;
Ashingiye ku myanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa gatanu tariki ya 18/11/2011;	Considering recommendations of the Cabinet meeting held on Friday 18/11/2011;	Vu les recommandations du Conseil des Ministres tenu vendredi 18/11/2011;
Ashingiye ku ngamba zashyizweho zo guteza imbere ishoramari mu Rwanda;	Considering development strategies set up to promote investment in Rwanda;	Vu les stratégies de développement de l'investissement au Rwanda;
Yibukije ihame rya Politiki y'Inganda y'u Rwanda ko guteza imbere ibikorwa by'inganda mu gihugu bigomba gukorwa mu buryo bujyanye no kubungabunga no kurengera ibidukikije;	Recalling the principle of the National Industrial policy that the promotion of industrial activities must be done in harmony with the conservation and protection of environment;	Rappelant le Principe de la Politique de l'industrie au Rwanda que développer les activités industrielles nationales doit se faire de façon à conserver et protéger l'environnement;
Amaze kubona ko ahagenewe ibikorwa by'inganda i Gikondo (Gikondo Industrial Park) hari ku butaka bw'igishanga ku buryo ibikorwa bihabera byabangamira ibidukikije;	After seeing that the Gikondo Industrial Park is located in a swamp zone and that the activities carried out in that area are against the environment;	Ayant constaté que le Parc industriel de Gikondo est un terrain marécageux de sorte que les activités menées pourrait détruire l'environnement;

Ahereye kandi ku myanzuro y'inama zagiye zisuzuma icyo kibazo;

Amaze kubiganiraho n'inzego zose zirebwa n'iki kibazo;

ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:

1. Inyubako zose ziri ahantu hagenewe inganda mu gishanga cya Gikondo zigomba kuhimurwa;

2. Iryo yimurwa ry'inganda n'izindi nyubako ziri mu gishanga cya Gikondo rigomba gukorwa mu byiciro bikurikira:

a. icyiciro cya mbere: Inganda n'izindi nyubako zujuje ibisabwa zizahabwa ingurane y'inyubako nshya ahantu hahariye mu by'ubukungu i Masoro, mu Mirenge ya Ndera na Bumbogo, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali mu gihe zizaba zujuje amabwiriza yo kuhakorera;

b. icyiciro cya kabiri : inganda n'izindi nyubako zitazimurirwa ahantu hahariye mu by'ubukungu zizahabwa ingurane y'amafaranga;

3. Mbere y'uko ba nyir'uruganda bimurirwa ahantu hahariye mu by'ubukungu cyangwa se bahabwa ingurane y'amafaranga, ba nyir'izo nyubako bagomba kubanza kugaragaza ibyangombwa by'ubutaka bubatseho aho bakorerwa mu Gishanga cya Gikondo ndetse

Basing on resolutions of different meetings that analyzed that issue;

After consultations with all organs concerned by this issue;

ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:

1. All the constructions built in Gikondo Industrial Park shall be transferred elsewhere;

2. This transfer of factories and other facilities located in Gikondo swamp shall be done in the following categories:

a. Category one: factories and other facilities that comply with requirements shall get a compensation of a new facility in the Special Economic Zone at Masoro, in Ndera and Bumbogo Sectors, Gasabo District, Kigali City in case they fulfill requirements to operate in that zone;

b. Category two: factories and other facilities that will not be transferred to the Special Economic Zone shall get a monetary compensation;

3. Prior to being granted a new area in the Special Economic Zone or a monetary compensation, owners of a factory shall produce land titles of the plots occupied in the Gikondo Industrial Park, the construction permit and the time of their issuance;

Vu les recommandations des diverses réunions qui ont examiné ce problème;

Après concertation avec les instances concernées;

INSTRUIT:

1. Toutes les constructions érigées dans le Parc industriel de Gikondo doivent être déménagées;

2. Ce déménagement des usines et autres constructions se trouvant sans le parc industriel de Gikondo doit se faire selon les catégories suivantes:

a. Catégorie 1: les usines et autres constructions remplissant les conditions exigées recevront pour compensation de nouvelles constructions dans la Zone Spéciale économique de Masoro dans les Secteurs de Ndera et de Bumbogo, District de Gasabo, Ville de Kigali lorsqu'elles auront respecté les instructions de s'y installer;

b. Catégorie 2: les usines et autres constructions qui ne seront pas déménagées dans la Zone spéciale économique recevront une compensation financière;

3. Avant que les propriétaires des usines ne déménagent vers la Zone spéciale économique ou ne reçoivent une compensation financière, ils doivent au préalable présenter les documents fonciers des parcelles dans la zone où sont érigées les constructions qui abritent leurs activités ainsi que

Official Gazette n° 23 of 10/06/2013

n'icyangombwa cyo kubaka (authorization de bâtir) n'igihe babiherewe;

4. Kugirango uruganda rwimurirwe ahantu hihariye mu by'ubukungu rugomba kuba rugaragaza ko rwongerera agaciro ibyo rukora kugera nibura ku kigero cya 35%, Kuba uruganda rwaragize nibura impuzandengo y'igicuruzo mu myaka itatu (2008-2009-2010) itari muni ya Miliyoni magana atanu mu mafaranga y'u Rwanda (500,000,000 Rwf) cyangwa kuba uruganda rufite abakozi bahoraho batari muni ya 30;

Uruganda rwujije nibura bibiri mu bisabwa byavuzwe haruguru nirwo ruzimurirwa ahantu hihariye mu by'ubukungu;

5. Abanyenganda bujuje ibisabwa byavuzwe mu ngingo ya 4 ariko bakaba bakorera mu nyubako zo mu Gishanga cya Gikondo zitari izabo, kugirango babe bakwimurirwa ahantu hihariye mu by'ubukungu bagomba kubanza gukora ibi bikurikira:

a. Kugura ayo mazu bakoreramo mu Gishanga cya Gikondo no kugaragaza inyandiko mpamo kuri ayo mazu mbere yo kwimurwa, cyangwa

b. Kugirana amasezerano y'igihe kirambye yo gukodesha na Leta inyubako yubatswe ahantu hihariye mu by'ubukungu cyangwa guhitamo kugura iyo nyubako;

4. In order to be transferred to the Special Economic Zone, an industry shall have the proof of an added value of its activities of at least 35%; having reached an average annual turnover in the three years (2008-2009-2010) not below five hundred million Rwandan francs (500,000,000 Rwf) and having at least 30 (thirty) permanent members of staff;

For the Factory to be relocated to Kigali Special Economic Zone, it must fulfill at least two criteria of the above;

5. Industrialists who meet conditions set out in Articles 4 but still operate in the facilities located in Gikondo Industrial Park which are not their property, shall first meet the following prior to an eventual transfer to the Special Economic Zone:

a. Purchase facilities in which they operate in Gikondo Industrial Park and present authentic documents of those facilities before their transfer; or

b. Entering into a long term lease with GoR to rent the built facility in KSEZ with an option to buy;

les autorisations de bâtir et la date d'octroi;

4. Pour qu'une usine déménage vers la Zone spéciale économique, elle doit prouver la valeur ajoutée de la production jusqu'à au moins 35% ; avoir eu une moyenne du chiffre d'affaire sur trois ans (2008-2009- 2010) d'au moins Cinq Cent Millions Franc Rwandais (500.000.000 Frw) et avoir au moins 30 employés permanents ;

Seule l'usine remplissant au moins deux critères, sera relocalisée dans la zone économique franche de Kigali ;

5. Les industrialistes qui remplissent les conditions des articles 4 et 5 mais qui exercent leurs activités dans les constructions du Parc industriel de Gikondo qui ne leur appartiennent pas doivent remplir ceux qui suivent pour qu'elles puissent déménager vers la Zone spéciale économique:

a. Acheter les constructions dans lesquelles elles exercent les activités dans le Parc industriel de Gikondo et présenter des actes authentiques relatifs à ces constructions avant le déménagement;

b. Entrer dans l'agrément de longue durée avec le gouvernement pour louer la maison érigée dans la Zone spéciale économique ou opter pour en acheter ;

Official Gazette n° 23 of 10/06/2013

6. Nyir'uruganda cyangwa nyir'indi nyubako wese wimuwe agahabwa ingurane y'inyubako ahita ajya gukorera aho azaba yoherejwe, kandi agomba kuhafata neza no kuhakorera icyo hagenewe gusa;
6. The owner of a factory or any other facility who has been relocated and has received another facility as a compensation shall immediately move to the new place of transfer, care for its maintenance use it only for its purpose;
6. Tout propriétaire de l'usine ou d'une autre construction qui déménage et reçoit une compensation en construction doit s'installer immédiatement pour commencer les activités et doit l'entretenir et y exercer uniquement les activités pour lesquelles elle a été destinée;
7. Mu gihe uwahawe ingurane y'inyubako ahantu hihariye mu by'ubukungu ashaka guhindura ibikorwa bye agakorera aho yahawe ibikorwa binyuranye n'ibyari bihateganyirijwe, agomba kubanza kubisabira uburenganzira no kubyemererwa na Minisiteri ifite inganda mu nshingano zayo. Iyo ugusaba kwe kwemewe ahabwa amezi 6 yo kuba yatangiye gukora kandi ibyo bikorwa bishya bigomba kuba ari bikorwa byo mu cyiciro cy'inganda;
7. In case the person who received compensation in terms of a facility in the Special Economic Zone intends to change his/her activities and have different activities than those scheduled for at the granted facility, he/she shall first apply and get an authorization from the Ministry in charge of industry. When his/her application is admitted, he/she shall be granted a period of six (6) months to have started operating and the new activities shall be in the category of industries;
7. Lorsque la personne qui a reçu une compensation en construction dans la Zone spéciale économique veut modifier ses activités et y exercer les activités différentes de celles qui y étaient destinées, elle doit préalablement demander l'autorisation et l'accord du Ministère ayant l'industrie dans ses attributions. Lorsque sa demande est acceptée, elle a six mois pour commencer ses activités et ces nouvelles activités doivent être de la catégorie industrielle ;
8. Uwimuriwe ahantu hihariye mu by'ubukungu asabwa kubahiriza amategeko n'amabwiriza yihariye ahagenga (SEZ Regulations) harimo n'uburenganzira bwo gukodesha, kugwaturiza, kurengera ibidukikije, n'andi mabwiriza yihariye agenga ahantu hihariye mu by'ubukungu;
8. A person transferred to the Special Economic Zone shall comply with its regulations, including the right to rent, to mortgage, to protect the environment and other specific regulations governing the Special Economic Zone;
8. Il est demandé à la personne qui déménage vers la Zone spéciale économique de respecter les lois et les règlements relatifs à la Zone spéciale économique y compris le droit à la location, hypothèque, protection de l'environnement et autres règlements spécifiques régissant les Zones spéciales économiques;
9. Umunyenganda cyangwa undi wese ufite inyubako uzaba yahawe inyubako nk'ingurane, naramuka ayikoresheje mu buryo bunyuranyije n'amategeko n'amabwiriza agenga aho hantu yimuriwe, azayamburwa bikurikije amategeko;
9. A factory owner or any other person owning a facility who is granted a facility as compensation and uses the facility without compliance to rules governing the Zone where he/she has been relocated, shall be deprived of the facility;
9. Tout propriétaire industriel et autre propriétaire d'une construction qui aura reçu une construction en guise de compensation, s'il ne l'utilise pas conformément aux lois et règlement régissant la zone dans laquelle il a déménagé, sera déchu du droit de la propriété de la dite construction ;
10. Uruganda rwaba rwarahagaritse ibikorwa ariko rukaba rugaragaza gahunda yo gusubukura
10. Any industry that may have stopped its activities, but is planning to restart production
10. Une usine ayant suspendu ses activités mais planifiant de redémarrer ses activités et remplir les

Official Gazette n° 23 of 10/06/2013

ibikorwa rukabasha no kuzuzwa ibiri mu ngingo ya 4 y'aya mabwiriza, nyirarwo ashobora gusaba by'umwihariko kwimurirwa ahantu hihariye mu by'ubukungu mu gihe yaba agaragaza umushinga we (Business Plan) n'igihe uruganda ruzatangirira gukora. Iyo ugusaba kwe kwemewe ahabwa amezi 12 yo kuba uruganda rwatangiyeho gukora, bitaba ibyo akamburwa inyubako yari yahawe kandi nta n'ingurane y'amafaranga ahabwa;

11. Minisiteri ifite inganda mu nshingano zayo niyo igena aho buri ruganda rwimuwe ruzakorera hitawe ku mabwiriza y'ubuziranenge no kurengera ibidukikije kugirango ibikorwa by'inganda bitandukanye bitabangamirana cyangwa bikagira ingaruka ku buzima bw'abantu n'ahantu bikorerwa;

12 Abafite inshingano yo gukurikirana ahantu hihariye mu by'ubukungu basabwe kubahiriza aya mabwiriza no korohereza iyimurwa ry'izi nganda n'izindi nyubako ziri ahagenewe inganda mu Gishanga cya Gikondo;

13. Inzego zose za Leta n'iz'abikorera zirebwa n'aya mabwiriza zirasabwa kuyubahiriza no gutanga amakuru ku nzego zibishinzwe;

14. Urenga kuri aya mabwiriza ahanwa nk'uko amategeko abiteganyaye;

15. Aya mabwiriza atangira gushyirwa mu

complying with requirements under Article 4 of these instructions, the owner of the industry may request in particular to be transferred to the Special Economic Zone in case he/she presents the business plan and time for starting activities. When the request is approved he/she gets a period of twelve (12) months to have started his/her activities, otherwise the facility is taken back without any compensation;

11. The Ministry in charge of industry shall determine the relocation area for each industry in accordance with standards and environmental regulations in order to avoid conflict between different industrial activities or any impact on human health;

12. People in charge of the follow up of Special Economic Zones shall observe these instructions and facilitate the transfer of these industries and other facilities located in Gikondo Industrial Park.

13. All public and private organs who have to play a role in the implementation of these instructions are requested to comply with them and disclose information to relevant organs;

14. Any person who violates these instructions shall be punished according to the Law.

15. These instructions shall come into force on the

conditions exigées dans l'article 4 de cette instruction, le propriétaire peut demander à titre spéciale de déménager vers la Zone spéciale économique du moment qu'il présente son plan d'affaire et la date de reprise. Lorsque sa demande est acceptée ; il a un délai de 12 mois pour la reprise, autrement la construction qui lui avait été octroyée lui est retirée et aucune compensation financière ne lui est accordée;

11. Le Ministère ayant l'industrie dans ses attributions désigne l'endroit où chaque usine s'installe tout en tenant compte des règlements en rapport avec la normalisation et l'environnement pour que les activités industrielles diverses ne soient en conflit entre elles ou n'aient des conséquences négatives sur la santé de la population et l'environnement;

12. Il est demandé aux personnes chargées de la supervision des Zones spéciales économiques de respecter ces instructions et de faciliter ce déménagement industriel et d'autres installations érigées dans le Parc industriel de Gikondo ;

13. Il est demandé à tous les secteurs publics et privés de contribuer au respect de ces instructions et de fournir des renseignements aux autorités concernées ;

14. Toute personne qui ne respecte pas ces instructions est punie conformément à la loi;

15. Les présentes instructions entrent en vigueur le

Official Gazette n° 23 of 10/06/2013

bikorwa guhera umunsi ashya iriweho umukono.

date of their signature.

jour de leur signature.

Bikorewe i Kigali, kuwa 20/05/2013

Kigali, on 20/05/2013

Fait à Kigali, le 20/05/2013

(sé)
KANIMBA François
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

(sé)
KANIMBA François
Minister of Trade and Industry

(sé)
KANIMBA François
Ministre du Commerce et de l'Industrie